**REPUBLIC OF RWANDA**

**SOUTHERN PROVINCE**
**NYAMAGABE DISTRICT**
**E-mail: info@nyamagabe.gov.rw**
**Website: www.nyamagabe.gov.rw**

## ITANGAZO RYO KUMENYESHA

UBUYOBOZI BW'AKARERE KA NYAMAGABE BUFATANYIJE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'URUBYIRUKO MU KARERE, BURAKANGURIRA URUBYIRUKO RWOSE KO HATEGUWE AMARUSHANWA YO GUTEZA IMBERE IMPANO Z'URUBYIRUKO HAKORESHEJWE IKORANABUHANGA (YOUTUBE CHANEL) AZABA MU KWEZI KWA NYAKANGA NA KANAMA 2021 AFITE INSANGANYAMATSIKO IGIRA ITI " **WINYICIRA UBUZIMA EJO HANJYE NI HEZA**".

AYA MARUSHANWA YATEGUWE MU RWEGO RWO KURWANYA INDA ZITERWA ABANGAVU, IBIYOBYABWENGE, SIDA N'IZINDI NDWARA ZANDURIRA MU MIBONANO MPUZABITSINA IDAKINGIYE NO GUKORA UBUKANGURAMBAGA KU KWIRINDA ICYOREZO CYA COVID-19.

ABAHANZI BAZARUSHANWA MU NGERI Z'UBUVANGANZO ZIKURIKIRA: **INDIRIMBO, IMIVUGO, UBUGENI NA FILIMI**. IBIHANGANO BYABO BAZAJYA BABYOHEREZA KURI **YOUTUBE CHANEL YITWA *"NYAMAGABE ART COUNCIL"*.**

KU BINDI BISOBANURO MWABAZA UMUKOZI USHINZWE URUBYIRUKO SIPORO N'UMUCO BWANA **IRAKARAMA GABRIEL** KURI TELEPHONE: **0785022144**

BIKOREWE I NYAMAGABE KU WA...7.../...7.../.2021

**UWAMAHORO BONAVENTURE**

**UMUYOBOZI W'AKARERE KA NYAMAGABE**

# WINYICIRA UBUZIMA EJO HANJYE NI HEZA

**INYANDIKO NSOBANURAMPAMVU**

AKARERE KA NYAMAGABE

## 1. INTANGIRIRO

Imyitwarire mibi ishora urubyiruko mu bibazo bifite ingaruka mu mibereho yabo ni ikibazo gikomereye isi n'abayituye by'umwihariko mu Rwanda. Niyo mpamvu hashyizwe imbaraga mu nzego nyinshi mu kurwanya iki kibazo.

Ikigo gishinzwe ubuzima mu Rwanda (RBC) cyagaragaje ko abana b'abangavu aribo bandura kurusha basaza babo, mu bwandu bushya aho 74% ari abakobwa bakiri bato, benshi muri uyu mubare batwaye inda z'imburagihe.

Ikusanyamibare ryakozwe n'Akarere ka Nyamagabe mu mwaka wa 2020-2021, rigaragaza ko abangavu 358 bafite hagati y'imyaka 16 kugeza kuri 20 batewe inda. Muri aba abatewe inda ari abanyeshuri ni 69, muri bo 24 bari munsi y'imyaka 18, umuto muri bo afiite 15, abana 2 batewe inda na ba se, 6 basanze ababateye inda kandi nta myaka y'ubukure bafite.

Ubushakashatsi bwakozwe mu mwaka wa 2011 mu Turere 20 ku bufatanye bwa Minisiteri y'Urubyiruko n'Ikoranabuhanga mu Ishuri rikuru ry'Ubuvuzi rya Kigali (KHI), bwerekanye ko 52,5% ku 2,479 by'urubyiruko rufite hagati y'imyaka 14 na 35 rukoresha ikiyobyabwenge kimwe cyangwa byinshi, nibura inshuro imwe cyangwa nyinshi mu buzima bwabo.

Byongeye kandi muri iki gihe inzego zose z'igihugu zihangayikishijwe n'ibibazo bigaragara mu muco nyarwanda bikaba bidindiza umuvuduko w'iterambere Igihugu cyacu cyihaye. Muri ibyo bibazo harimo: kunywa ibiyobyabwenge ku rubyiruko, inda ziterwa abangavu, ubuzererezi, umwanda mu ngo, ingo zirarana n'amatungo, imirire mibi, n'ibindi bibangamiye imiberehomyiza y'abaturage. Ibi ku rundi ruhande bihungabanya umutekano kuko abaturage bafite ibi bibazo ntibaba batekanye bihagije.

Ibi byiyongera ku cyorezo cya Coronavirus cyugarije isi n'u Rwanda rurimo bikaba bigaragara ko abenshi mu batubahiriza amabwiriza ari Urubyiruko. Na none kandi mu gihe cy'ibiruhuko bimwe mu bibazo urubyiruko rwiga mu mashuri yisumbuye ruhura na byo biriyongera. Bitewe n'urujya n'uruza rw'abaturage mu Karere cyane cyane mu Mirenge yegereye umujyi wa Nyamagabe

AKARERE KA NYAMAGABE

Ni muri urwo rwego Akarere ka Nyamagabe kiyemeje gushyira imbaraga mu bukangurambaga butandukanye mu kurandura burundu izo ngorabahizi binyuze mu gufasha urubyiruko gukuza impano zabo binyuze mu buhanzi. Ibi bikazafasha Akarere guteza imbere impano z'urubyiruko no kwigisha bagenzi babo kubaka ejo hazaza habo hakaba heza bafite ubuzima bwiza.

Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyamagabe bushingiye kuri gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi(7) NST1 mu nkingi yayo ijyanye n'imibereho myiza y'abaturage iharanira kugira urubyiruko rufite ubuzima buzira umuze ndetse no kururinda imyitwarire mibi bityo rukabasha kugira uruhare mu iterambere ry'Igihugu bakora cyane kugirango bategure ejoheza.

Ubuhanzi ni kimwe mu bihuza urubyiruko kandi bugatanga ubutumwa kuri benshi. Ku bufatanye n'inzego zitandukanye Akarere ka Nyamagabe kakaba karateguye amarushanwa yahawe insanganyamatsiko igira iti" ***Winyicira ubuzima ejo hanjye ni heza"*** yo kuzamura impano z'urubyiruko hifashishijwe ikoranabuhanga (Youtube channels).

## 2. INTEGO NYAMUKURU Y'AMARUSHANWA

***Kuzamura impano z'urubyiruko binyuze mu buhanzi no gukoresha neza imbuga nkoranyambaga.***

## 2. INTEGO ZIHARIYE

- **Kuzamura impano z'urubyiruko binyuze mu buhanzi**
- **Kurwanya ibiyobyabwenge mu rubyiruko**
- **Kurwanya inda ziterwa abangavu, SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina idakingiye**
- **Kurwanya icyorezo cya Coronavirus**
- **Kwimakaza indangagaciro na kirazira ;**
- **Gukoresha neza ikoranabuhanga**

## 3. UMUSARURO UTEGEREJWE

- Urubyiruko ruzazamura impano zarwo cyane ururi mu biruhuko
- Kumenyana, kungurana ubumenyi no guhindura imyumvire ku rubyiruko hifashishijwe ikoranabuhanga

- Ibyishimo biziyongera mu rubyiruko no mu baturage muri rusange
- Imyitwarire mibi mu rubyiruko izagabanuka kandi urubyiruko rumenye kwirinda ababashuka n'ababashora mu ngeso mbi
- Bizagabanya ubwiyongere bw'ubwandu bwa covid-19

## 4. IBIKORWA BITEGANIJWE

Abahanzi bazahanga ibihangano bikubiye mu nsanganyamatsiko igira " ***Winyicira ubuzima ejo hanjye ni heza". Ibihangano byabo nyuma yo kubinoza bazabyohereza ku rubuga rw'Abahanzi ba Nyamagabe (Nyamagabe art council youtube channel).***

Amarushanwa azaba mu ngeri z'Ubuvanganzo zikurikira:

1) Indirimbo( Amajwi cg amashusho)
2) Ubugeni(ububumbyi n'ubukorikori)
3) Filimi ngufi
4) Imivugo (Amajwi cg amashusho)

- **Ibizibandwaho mu guhitamo ibihangano byahize ibindi ni ibi bikurikira (amanota 100):**

   a) Kwita ku nsanganyamatsiko by'umwihariko ku nteego zihariye/ amanota 40
   b) Umwimerere w'igihangano/amanota 20
   c) Uburyo umuhanzi asobanura igihangano cy'ubugeni /amanota 15
   d) Ibihangano 5 byarebwe kurusha ibindi/Amanota 25
   e) Kwita ku ibarankuru n'ikinabuzima muri Filimi, kwita ku njyana na muhundwanota mu ndirimbo, akita ku njyana y'isubirajwi, isangiramusozo, isubirajambo, iyitirira n'indi mizimizo itandukanye mu muvugo /amanota 15

NB: Abemerewe kwitabira amarushanwa ni abahanzi bo mu Karere ka Nyamagabe bari hagati y'imyaka 16 na 35.

## 7. INGENGABIHE Y'AMARUSHANWA

**Aya marushanwa azaba mu byiciro bibiri :**

- ✓ Icyiciro cya mbere: Kuva mu ntangiriro z'Ukwezi kwa Nyakanga abahanzi bazanoza ibihangano babyohereze ku rubuga rw'abahanzi rwa Nyamagabe
- ✓ Icyiciro cya kabiri: Mu kwezi kwa Kanama ibihangano byahize ibindi 5 bizarushanwa ku rwego rw'Akarere binahabwe ibihembo.

## 8. INGENGO Y'IMARI IZAKORESHWA

Hazakoreshwa ingengo y'imari ingana na miliyoni imwe n'ibihumbi Magana abiri mirongo ine na birindwi Magana atanu (**1,247,500** frw) azakoreshwa mu guhemba abahanzi bahize abandi ku rwego rw'Akarere.

| NO | IBIZAKENERWA | INGANO | AGACIRO KA KIMWE | AGACIRO KA BYOSE |
|---|---|---|---|---|
| 1 | TIKE Y'ABAHANZI KU RWEGO RW'AKARERE | 10 | 10,000 | 100,000 |
| 2 | IFUNGURO | 15 | 6500 | 97,500 |
| 3 | IBIHEMBO BY'ABATSINZE | 5 | FF | 800,000 |
| 4 | IBIHEMBO BY'ABAKEMURAMPAKA | 3 | FF | 100,000 |
| 5 | KUMENYEKANISHA IGIKORWA MU BITANGAZAMAKURU | 3 | FF | 150,000 |
| | TOTAL | | | **1,247,500** |

Biteguwe na:

IRAKARAMA Gabriel

Umukozi ushinzwe Urubyiruko, Siporo n'Umuco.

**Byemejwe :**

**UWAMAHORO Bonaventure**

**Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe**

AKARERE KA NYAMAGABE